



- √ Kumenyekanisha igihombo ku buryo buhoraho biterwa n'ibikorwa:
- Agaciro kose k'ibinjijye ntigakorerwa imenyekanisha,
- Nta muco wo kwandika ibyacuujwe,
- Umuco ukunze kugaragara mu cyiciro cy'amahoteli wo kudasora no kudasora neza
- Umuco wo gukoresha ibitabo n'inyandiko bitarimo ukuri.

Hakwiye kumenyekanishwa iki?

- √ Agaciro k'ibyacuujwe byose,
- √ Ibihembo nyakuri by'abakozi n'umusoro ku bihembo nyawo
- √ Kugaragaza ibyasohotse by'ukuri hirindwa ibitari ukuri,
- √ Kwirinda gukoresha ubworoherewe buhabwa abashoramari bazana ibitajyanye n'icyo babuherewe cyangwa ngo babihe agaciro katariko.

KUBAHIRIZA INSHINGANO Z'IMISORO KU BAKORA IMIRIMO YO KWAKIRA ABANTU: AMAHOTELI, AMACUMBI, UTUBARI NA RESITORA

Ubucuruzi bwo kwakira abantu (amahoteli, amacumbi, utubari na resitora) ni ibikorwa bikatajwe mu iterambere! Ni byiza ko icyo kiciro cy'ubucuruzi cyita ku bijyanye n'imisoro bagitangira ibikorwa byabo.

Ubushakashatsi bwakozwe n'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, bwagaragaje ko ibibazo by'ingutu bigaragara muri iki cyiciro cy'ubucuruzi; bikubiye mubice bikurikira: Kwandikisha ubucuruzi no kubara ibyacuujwe. Igihombo no gukoresha abakozi batanditse.

1. Ingorane ziterwa no kutandikisha ibikorwa by'ubucuruzi neza

Ubushashakashatsi bwakozwe na RRA muri iki cyiciro cy'ubucuruzi bwagaragaje ko:

- √ Umubare munini w'abanditse muri ibi bikorwa ntibatanga amakuru ahagije:
 - Ntibagaragaza neza urwego rw'ibikorwa bagiye gukora,
 - Ntihagaragazwa abanyamigabane muri ibi bikorwa,
 - Ntihatangwa umwirondoro wa banyiribikorwa,
 - Ntihatangwa neza uburyo bw'itumanaho, telefoni, emails n'ibindi.

Iyo kwiyandikisha bitagenze neza, bituma RRA itabasha kubageraho igihe ishaka kubahugura cyangwa kujya inama nabo mu bijyanye no kunoza ibikorwa byo gusora mu bucuruzi bwabo.

- √ Umubare munini wabakora ibi bikorwa ntibagaragaza ibikorwa byose bakora :
 - Aho bogera/ swimming pools
 - Aho batunganyiriza bakanagorora ingingo/ Massage and pedicure,
 - Aho bakorera amasiporo/ Gym tonic
 - Aho batunganyiriza imisatsi

Kamena, 2018



- Ibyumba bikodeshwa bikorerwamo n'abacuruza ibintu bitandukanye,
- Utubyiniro,
- Ibikorwa bijyanye no kwakira ba mukerarugendo n'ibindi.

Kutandikisha ibi bikorwa mu gihe abanyamahoteli babikora cyangwa ngo bakore imenyekanishamusoro ku musaruro wavuye muri ibi bikorwa bituma haba ibibazo mu gihe cyo gusaba gusubizwa umusoro ku nyongeragaciro no kumenyekanisha igicuruzo nyakuri ubwabyo.

- √ Gukoresha abakozi badafite amasezerano y'akazi no kwandika ko bahembwa amafaranga make,
 - Abakozi batagira amasezerano y'akazi,
 - Kutavuga abantu cyangwa sosiyete zicunga hoteli,
 - Abakozi bahoraho nyamara bagafatwa nka nyakabyizi kandi bakora iminsi igera kuri 30 ku mwaka ndetse baranasabwe impamyabumenyi y'amashuri bize,
 - Guhahira cyangwa gukorana n'abatanditse mu misoro,
 - Gukoresha abanyamahanga batanditse,
 - Kugura ikoranabuhanga ntibimenyekanishwe,

Ibi bituma haba ibibazo mu kubara umusoro ku bihembo no mu kubara umusoro ufatirwa.

Ibigomba kwitabwaho mu kwiyandikisha

Umuntu wese utangiyeye ibikorwa by'amahoteli, utubari na resitora ategetswe kwandikisha ibikorwa bye muri RDB mu gihe cyitarenze iminsi irindwi (7) kuva atangiye ibyo bikorwa cyangwa ashinze sosiyete.

Kubatangiyeye ibikorwa by'amahoteli, bare na resitora bagomba gukora ibi bikurikira:

- √ Kumenyekanisha neza ibikorwa agiye gukora (hoteli, akabari cyangwa resitora),
- √ Kugaragaza neza aho ibikorwa bye biri (aho akorera: Akarere, Umurenge, Akagari, umudugudu, nimeru y'umuhanda n'ibindi)

- √ Kwandika neza ubwoko bw'imisoro yiyandiki-shijeho,
- √ Kugaragaza ba nyiribikorwa by'ubucuruza, abafatanyabikorwa, nimeru za telefone na address emails zabo.

2. Ingorane ziterwa no kutamenyekanisha ibyinjije neza

Ubushakashatsi bwakozwe na RRA bwagaragaje ibi bikurikira:

- √ Ikibazo gihoraho cyo kugabanya ibihembo ku bakozi batagira amasezerano y'umurimo bityo n'umusoro ku bihembo ukaba mucye.
 - Kutagaragaza igihembo nyakuri cy'umukozi,
 - Gufatira 15% aho kubara umusoro ku bihembo nk'uko bigenwa n'itegeko,
 - Kudatangira abakozi ubwishingizi bw'izabukuru
 - Kudafatira avansi ya 15% ku iyishyurwa ry'imirimo yo gucunga amahoteli n'ibindi,
 - Kudafatira TVA ku ikoranabuhanga (software) rigurwa n'amahoteli rikoresheya mu gufungura inzugi, kubikisha ibyumba, gucana amatara, gukora fagitire n'ibindi, no ku bwishyu bukwiye kuri ibyo bikoresho,
 - Kudafatira avansi kubabagemurira batanditse,
 - Kudafatira umusoro ku bakozi b'abanyamahanga,
 - Kudafatira umusoro kubihembo bijyanye n'amasaha y'ikirenga n'ibindi,
- √ Ikibazo gihoraho cyo gutubura agaciro k'ibyaguzwe
 - Igiciro cy'ibyaguzwe kigaragazwa ku bikorwa bitagararijwe umusaruro,
 - Ibyagiye ku biryo by'abakozi kandi ayo mafunguro adafatwa nk'ibyacurujwe,
 - Kutagaragaza agaciro k'amafunguro agenerwa abakozi mu byinjije,